**ITANGAZO KU NGENDO Z'ABANYESHURI BAJYA KU MASHURI GUTANGIRA UMWAKA WA MBERE, UWA KANE BY'AMASHURI YISUMBUYE N' ICYICIRO CYA GATATU (LEVEL 3) CY' AMASHURI Y' IMYUGA N' UBUMENYINGIRO KANDI BIGA BACUMBIKIRWA**

Hashingiwe ku ngengabihe y' umwaka w' amashuri 2021-2022;
Hashingiwe kandi ku itangazo rya Minisiteri y' Uburezi rimenyesha ko abanyeshuri bo mu mwaka wa mbere (S1), umwaka wa kane by' amashuri yisumbuye n' abo mu cyiciro cya gatatu (level 3) cy' amashuri y' imyuga n' ubumenyingiro bazatangira amasomo ku wa 18 Ukwakira 2021;

Ni muri urwo rwego Ikigo cy' Igihugu gishinzwe Ibizamini n' Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kimenyesha ababyeyi n' abanyeshuri ko gahunda y' ingendo z' aba banyeshuri iteye ku buryo bukurikira:

**Ku wa mbere, tariki ya 18 UKWAKIRA 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Ntara zikurikira :**

- Intara y'Amajyepfo
- Intara y'Iburasirazuba

**Ku wa kabiri, tariki ya 19 UKWAKIRA 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biherereye aha hakurikira :**

- Umujyi wa Kigali
- Intara y'Amajyaruguru
- Intara y'Iburengerazuba

**<u>ICYITONDERWA:</u>**

- Mu rwego rwo gukomeza kwirinda ikwirakwizwa rya Covid-19, abanyeshuri bazafatira imodoka aho bateganyirijwe muri buri Karere;
- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri ingendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri Stade ya Kigali i Nyamirambo zibajyana ku bigo by'amashuri;
- Abanyeshuri n' ababyeyi barasabwa kubahiriza ingengabihe y' ingendo uko iteganyijwe;
- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo kwakira abanyeshuri ahateganijwe no gukurikirana uko bakirwa mu bigo by' amashuri.

Bikorewe i Kigali, ku wa ..14../..10../ 2021

**Dr. Bernard BAHATI**
Umuyobozi Mukuru